*ISO 9001:2015 CERTIFIED*

**Kigali, kuwa 2 Nyakanga 2021**

# Iteganyagihe ry'ukwezi kwa Nyakanga 2021

## 1. Incamake

Mu kwezi kwa Nyakanga 2021, mu Rwanda hateganyijwe kuzarangwa n'ibihe bishushye, izuba rikazaba ryinganje ku masaha y'amanywa, ariko mu minsi mike y'ukwezi biteganyijwe ko izaba ikonje. Ingano y'ubushyuhe bwo hejuru buteganyijwe iri hagati dogere celisiyusi (°C) 20 na 30. Ubushyuhe bwa 30°C ni bwo bwinshi buteganyijwe mu kibaya cya Bugarama giherereye mu karere ka Rusizi. Imvura nke iri hagati ya milimetero 0 na 40 niyo iteganyijwe muri Nyakanga, nayo ikazibanda cyane mu gice cy'uburengerazuba bw'igihugu. Iyi mvura izaba iri munsi y'ikigereranyo cy'imvura isanzwe igwa uretse mu Ntara y'Iburengerazuba izaba iri ku kigereranyo cy'imvura isanzwe igwa mu kwezi kwa Nyakanga.

## 2. Ubushyuhe bwo hejuru buteganyijwe

Mu kwezi kwa Nyakanga 2021 ubushyuhe bwo hejuru buteganyijwe buri hagati ya 20°C na 30°C mu gihugu. Ubushyuhe bwinshi bugera kuri 30°C buteganyijwe mu kibaya cya Bugarama giherereye mu karere ka Rusizi, ubushyuhe buri hagati ya 26°C na 28°C buteganyijwe mu turere twa Bugesera, Nyarugenge, Kicukiro, mu majyepfo y'akarere ka Gasabo, mu burengerazuba bw'akarere ka Ngoma, mu burasirazuba bw'uturere twa Kamonyi, Ruhango, Nyanza, mumajyaruguru y'akarere ka Gisagara no mu bice bimwe na bimwe by'uturere twa Nyagatare, Gatsibo na Kayonza. Ubushyuhe bwo hejuru buri hagati ya 20°C and 22°C buteganyijwe mu karere ka Burera, mu majyaruguru y'uturere twa Gicumbi, Rulindo na Musanze mu burasirazuba bw'uturere twa Rubavu, Rutsiro, Nyamasheke na Rusizi, mu burengerazuba bw'uturere twa Ngororero, Nyabihu, Nyaruguru na Nyamagabe.


## 3. Imvura iteganyijwe

**Imvura iri hagati ya milimetero 20 na 40** iteganyijwe mu majyaruguru y'uturere twa Rubavu, Nyabihu na Musanze.


**Imvura iri hagati ya milimetero 10 na 20** iteganyijwe mu burasirazuba bw'uturere twa Rusizi, Rubavu na Rutsiro, mu majyepfo y'akarere ka Nyamasheke, mu burengerazuba bw'uturere twa Musanze, Ngororero na Nyabihu no mu majyaruguru y'akarere ka Burera.

**Imvura iri hagati ya milimetero 5 na 10** iteganyijwe mu burengerazuba bw'uturere twa Nyamagabe, Nyaruguru, Rutsiro na Rubavu, mu majyaruguru y'akarere ka Nyamasheke, mu bice byo hagati mu turere twa Burera, Gakenke, Ngororero na Rusizi n'igice kinini cy'akarere ka Karongi.

**Imvura iri hagati ya milimetero 0 na 5** iteganyijwe mu Ntara y'Iburasirazuba, iy'Amajyepfo uretse uburengerazuba bw'uturere twa Nyamagabe na Nyaruguru, mu mugi wa Kigali, mu turere twa Gicumbi, Rulindo, igice kinini cy'akarere ka Gakenke, amajyepfo y'uturere twa Musanze, Burera na Ngororero, mu burasirazuba bw'uturere twa Karongi, Nyabihu na Rutsiro, mumajyepfo ya Ngororero no mu burasirazuba bw'akarere ka Rusizi.
Amakarita akurikira ku mugereka aragaragaza birambuye ingano y'imvura n'ubushyuhe biteganyijwe muri buri Karere.




*Ikarita 1. Ibipimo by'ubushyuhe buteganijwe mu Rwanda mu kwezi kwa Nyakanga 2021*




*Ikarita 2. Ibipimo by'Imvura iteganijwe mu Rwanda mu kwezi kwa Nyakanga 2021*